# 419: Har' Umwami wa kera

---

1. Har' Umwami wa kera;Yar’ umugwaneza.
Hari kuri Noweli, Areb' umutindi;
Yaratoraguraga Udukwi ku kwezi.
Imbeho yari nyinshi; Yendaga no kumwica.

2. Nukw abaz' umwambari W'umuhungu muto,
At’ Uriya mutindi,Uz' i wabo, mbese?
Und’ aramusubiza,Ati: Ye, ndahazi :
Aba mu kirorero Cyo hirya y'umusozi.

3. Ati : Ngwino, mwambari,Tumugemurire.
Nzanir' amafunguro N’ibyo kunywa n'inkwi.
Barahagurukana,Badatiny' imbeho,
Kandi bihanganira Umuyaga w'icyago.

4. Nyum' umwan' ariheba,Atakir' Umwami,
At' Imbeh’ iranyishe :Biramera bite ?
Nukw aramubwir' ati :Jy'ushing' aho mvuye :
Ubunyinya bw'imbeho Ntabwo buribukwice!

5. Umwan' abigenz' atyo,Ager' ikirenge
Mu cy'Umwami, shebuja, Maz' ashir' imbeho.
Umwami n'umwambari Baca mu rubura,
Bajy’ ah' umutind' ari,Baramugemurira.

6. Natw' inshuti za Yesu.Twa kwimeny' ubwacu.
Nkuko twababariwe,Tubabarirane.
Abajvana na Yesu Gutabar' abandi
Na bo bazagabana Umugisha w'Imana